



**IBIKORWA BYAKOZWE  
N'UBUSHINJACYAHA  
BUKURU MU MWAKA WA 2020 - 2021**

## **IBIRIMO**

<b>0. INTANGIRIRO.....</b>	<b>3</b>
<b>1.ABAKOZI B'UBUSHINJACYAHA BUKURU</b>	
<b>2.INGENGO Y'IMARI YAKORESHEJWE MU MWAKA WA</b>	
<b>2020-2021:.....</b>	<b>6</b>
<b>3. IBYAGEZWEHO N'UBUSHINJACYAHA BUKURU KUVA</b>	
<b>NYAKANGA 2020 KUGEZA KAMENA 2021.....</b>	<b>7</b>
<b>3.1.INTEGO Z'INGENZI (PRIORITY TARGETS) ZARI ZIKUBIYE</b>	
<b>MU MIHIGO Y'UBUSHINJACYAHA BUKURU Y'UMWAKA WA</b>	
<b>2020-2021.....</b>	<b>8</b>
<b>3.2.UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAHIGUYE IMIHIGO</b>	
<b>YA 2020-2021.....</b>	<b>10</b>
<b>3.2.1. IMBONERAHAMWE IGARAGAZA ISHUSHO RUSANGE</b>	
<b>Y'AMADOSIYE YAKOZWE MU BUSHINJACYAHA BUKURU</b>	
<b>MU MWAKA WA 2020-2021:.....</b>	<b>10</b>
<b>3.2.2.UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWATSINZE IMANZA</b>	
<b>MU MADOSIYE BWAREGEYE INKIKO.....</b>	<b>19</b>
<b>3.2.3. IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA ABAKEKWAHO</b>	
<b>IBYAHA MPUZAMAHANGA BYAKOZWE MURI GENOCIDE</b>	
<b>YAKOREWE ABATUTSI MURI 1994 BAHUNGIYE HANZE Y'U</b>	
<b>RWANDA.....</b>	<b>22</b>
<b>3.2.4.IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA ABAKEKWAHO</b>	
<b>GUKORA IBYAHA BIMUNGA UBUKUNGU N'IMARI</b>	
<b>BY'IGIHUGU.....</b>	<b>28</b>
<b>3.2.5.IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA IBYAHA</b>	
<b>BY'INZADUKA N'IBINDI BYAHA BYIHARIYE BIGIRA</b>	
<b>INGARUKA ZIHARIYE KU BUZIMA BW'ABATURAGE:.....</b>	<b>34</b>
<b>3.2.6.IBYAGEZWEHO MU KUNOZA SERIVISE ZIHABWA</b>	
<b>ABASABA ICYANGOMBWA KIGARAGAZA KO ABANTU</b>	
<b>BAKATIWE CYANGWA BATAKATIWE N'INKIKO.....</b>	<b>45</b>
<b>3.2.7. IBYAGEZWEHO MU KURENGERA NO GUFASHA</b>	
<b>ABAKOREWE IBYAHA N'ABATANGABUHAMYA.....</b>	<b>46</b>
<b>3.2.8.UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAHIGUYE MURI</b>	
<b>RUSANGE IMIHIGO Y'UMWAKA WA 2020-2021 :.....</b>	<b>48</b>

<b>3.3.IBINDI BYAKOZWE N’UBUSHINJACYAHA BUKURU KUVA MURI NYAKANGA 2020 KUGEZA MURI KAMENA 2021.....</b>	<b>49</b>
<b>3.3.1.IBYAGEZWEHO MU BIRO BY’UMUSHINJACYAHA MUKURU.....</b>	<b>49</b>
<b>3.3.2.IBYAGEZWEHO MU MIKORANIRE MYIZA N’ABATURAGE NDETSE N’ITANGAZAMAKURU MU RWEGO RWO KUMENYEKANISHA IBIKORWA BY’UBUSHINJACYAHA.....</b>	<b>50</b>
<b>3.3.3.IBYAGEZWEHO MU BUGENZUZI BW’UBUSHINJACYAHA BUKURU.....</b>	<b>52</b>
<b>3.3.4.IBYAGEZWEHO MU KWONGERERA UBUSHOBOZI ABAKOZI B’UBUSHINJACYAHA BUKURU.....</b>	<b>53</b>
<b>3.3.5.AMAFARANGA YINJIJWE MU ISANDUKU YA LETA.....</b>	<b>55</b>
<b>4. IMIHIGO YA 2021-2022.....</b>	<b>56</b>
<b>5.UMWANZURO.....</b>	<b>59</b>

## 0. INTANGIRIRO

Buri gihembwe ndetse na buri mwaka Ubushinjacyaha Bukuru butanga raporo y'ibikorwa bwagezeho nk'uko biteganywa n'ingingo ya 25 y'Itegeko N° 014/2018 ryo kuwa 04/04/2018, rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Ubushinjacyaha Bukuru n'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare.

Ni muri urwo rwego iyi raporo ya 2020-2021 igaragaza intego z'ingenzi zikubiye mu mihigo y'Ubushinjacyaha Bukuru, n'ibikorwa by'ingenzi bwagezeho hashingiwe ku nshingano n'ububasha buhabwa n'Itegeko ryavuzwe haruguru, mu ngingo zaryo za 3, 20 (cyane cyane agace kayo ka mbere k' iryo Itegeko) n'iya 28.

### **Inshingano z'Ubushinjacyaha Bukuru:**

Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru rufite inshingano rusange yo gukora iperereza no gukurikirana ibyaha mu Gihugu hose. By'umwihariko, Ubushinjacyaha Bukuru bushinzwe ibi bikurikira:

1° gukora iperereza ku byaha mpuzamahanga byakorewe mu Rwanda no gushakisha ababigizemo uruhare;

2° gukora iperereza no gukurikirana ibyaha mpuzamahanga n'ibyaha byambuka imbibi;

3° gukora iperereza no gukurikirana ibyaha bimunga ubukungu n'imari by'Igihugu;

4° gukora iperereza no gukurikirana ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ibikorera abana n'ibikorera umuryango;

5° gukora iperereza no gukurikirana ibyaha byerekeye imikoreshereze itemewe y'ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoresha nka byo;

6° gukora iperereza no gukurikirana ibyaha by'ingengabitekerezo ya Jenocide, ibyaha byo guhakana no gupfobya Jenocide n'ibindi bifitanye isano nayo n'ibyaha by'ivangura no gukurura amacakubiri;

- 7° gukora iperereza no gukurikirana ibyaha by'ikoranabuhanga;
- 8° gukora ubushakashatsi ku byaha bisanzwe no ku byaha mpuzamahanga byakorewe mu Rwanda;
- 9° gutanga no kubika inyandiko zerekana abahamwe n'ibyaha;
- 10° kurengeranogufashaabakoreweibyahan'abatangabuhamya.

### **Ubushinjacyaha Bukuru kandi bufite ububasha bwo:**

- 1° gukora iperereza ku byaha bikurikiranwa no kuyobora iperereza rikorwa n'Abagenzacyaha;
- 2° gushinja no kuburana imanza z'inshinjabyaha mu nkiko;
- 3° kugira uruhare mu gushyiraho ingamba zigomba gukurikizwa mu gukurikirana ibyaha;
- 4° gufatanya n'izindi nzego z'ubutabera, zaba izo mu Rwanda cyangwa iz'ibindi bihugu, mu bikorwa byo gukurikirana abanyabyaha, kurwanya ubugizi bwa nabi no kurengera abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya hakurikijwe amategeko abigenga;
- 5° gukora indi mirimo iteganywa n'amategeko.

Ku birebana n'ububasha buri mu gace ka mbere (1°); iyi raporo irerekana neza amadosiye Ubugenzacyaha bwashyikirije Ubushinjacyaha kugira ngo buyafatire imyanzuro, n'ibyemero bitandukanye bwayafatiye nyuma yo kuyasesengura.

Ku birebana n'ububasha buri mu gace ka kabiri (2°), raporo iragaragaza uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze amadosiye bwaregeye inkiko n'uko bwagiye butera imbere mu gutsinda ayo amadosiye.

Ku birebana n'ububasha buri mu gace ka gatatu (3°), hashyizweho amabwiriza ngengamikorere agamije kunoza serivise Ubushinjacyaha buha abaturage.

Ku bubasha bwo gufatanya n'ibindi bihugu mu rwego rwo kurwanya ubugizi bwa nabi, iyi raporo iragaragaza ingano y'inyandiko zitanga ibirego zakozwe zikanoherezwa mu Bihugu abakekwaho ibyaha mpuzamahanga byakozwe muri Genocide

yakorewe abatutsi muri 1994 baherereyemo, abafashwe, abagaruwe kuburanishirizwa mu Rwanda n'ababuranishijwe bakanakatirwa n'inkiko z'Ibihugu bafatiwemo ndetse igaragaza kandi n' indi mikoranire muri uru rwego.

Ubushinjacyaha bukuru burashima ubufatanye n'izindi nzego za Leta n'iz'abaterankunga zabufashije kugira ngo bugere ku musaruro ugaragazwa muri iyi raporo.

## 1. ABAKOZI B'UBUSHINJACYAHA BUKURU

N°	ICYO BAKORA	Abagabo		Abagore		Bose
		Umubare	Ijanisha	Umubare	Ijanisha	
	Abayobozi Bakuru (Top Managers)	3	75%	1	25%	4
	Abagenzuzi	4	80%	1	20%	5
	Abashinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu na Coordinator wa ICD	18	72%	7	28%	25
	Abashinjacyaha bayobora Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye n'Abayobozi b'Amashami yihariye bari ku rwego rumwe	10	67%	5	33%	15
	Abashinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye	53	62%	33	38%	86
	Abashinjacyaha ku Rwego rw'Ibanze	29	48%	32	52%	61
	Abafasha b'Ubushinjacyaha	26	35%	48	65%	74
	Abandi bakozi bunganira Ubushinjacyaha Bukuru (Supporting Staff)	34	49%	36	51%	70
	<b>Igiteranyo</b>	<b>177</b>	<b>52%</b>	<b>163</b>	<b>48%</b>	<b>340</b>

★ NB:

- ✓ Nkuko bigaragara, ihame ry'uburinganire rirubahirizwa mu Bushinjacyaha Bukuru kuko ubu **48%** by'abakozi b'Ubushinjacyaha ari abagore mu gihe abagabo ari **52%**.

2. INGENGO Y'IMARI YAKORESHEJWE MU MWAKA WA 2020-2021:

N <sup>o</sup>	Ibikorwa byakozwe	Ingengo y'imari Ubushinjacyaha bwakoresheje kuri buri gikorwa
1	Gukurikirana abakekwaho gukora ibyaha	3,595,802,027
2	Gushakisha abakekwaho gukora jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 bahunze Igihugu	769,630,357
3	Gukurikirana abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu bw'Igihugu	301,586,966
4	Kugenzura amadosiye akorwa n'Abashinjacyaha	232,723,701
5	Gufasha abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya	133,166,885
6	Gufatanywa n'ibindi bihugu mu kurwanya ibyaha	239,344,612
7	Gushyira mu bikorwa Umushinga ugamije kunoza Serivize zitangwa n'Ubushinjacyaha Bukuru (Smart NPPA Project)	140,042,148
8	Ibindi bikorwa byakozwe n'Ubushinjacyaha Bukuru	1,263,674,890
<b>Igiteranyo</b>		<b>6,675,971,586</b>



**NB:** Mu mwaka wa 2020-2021, Ubushinjacyaha Bukuru bwari bwagenewe ingengo y'imari ingana na 7,216,659,813 Frw (6,923,277,706 Frw ingengo y'imari isanzwe ya Leta + 293,382,107 Frw yatanzwe na Amabasade y'Ubuholande mu Rwanda binyuza mu mushinga wo kwongerera ubushobozi ishami rishinzwe gukurikirana abakekwaho ibyaha mpuzamahanga byakozwe muri jenocide yakorewe abatutsi mu 1994) bukoresha **6,675,971,586 Frw** ni ukwouga **92%**, hakaba harasigaye **540,688,228 Frw** atarakoreshejwe kubera ingaruka za covid -19 zadindije bimwe mu bikorwa byari byateguwe.

### **3. IBYAGEZWEHO N'UBUSHINJACYAHA BUKURU KUVA NYAKANGA 2020 KUGEZA KAMENA 2021**

#### **3.1. INTEGO Z'INGENZI (PRIORITY TARGETS) ZARI ZIKUBIYE MU MIHIGO Y'UBUSHINJACYAHA BUKURU Y'UMWAKA WA 2020-2021**

Mu mwaka wa 2020-2021, Ubushinjacyaha Bukuru bushingiye ku bubasha n'inshingano buhabwa n'Itegeko, buhereye kandi ku bikorwa bikubiye mu Igenamigambi ry'igihe kirekire (2018-2024) ndetse n'ibipimo by'ingenzi bishingirwaho mu gupima ingano n'ubwiza by'akazi, bwari bwihaye intego 7 (targets) zikurikira:

- i. Kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye kikagera nibura kuri 99%;
- ii. Kuzamura ikigero Ubushinjacyaha butindiraho imanza mu madosiye bwaregeye Inkiko kikagera nibura kuri 93%;
- iii. Mu rwego rwo kwihutisha ikurikiranwa ry'abakekwaho icyaha cya jenocide yakorewe abatutsi mu 1994 bahunze Igihugu, Ubushinjacyaha bwiyeje gufatira umwanzuro amadosiye nibura 300;

- iv. Kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu n'imari by'Igihugu, nk'uko bigaragazwa na raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta ya 2017-2018 agakorwa ku kigero cya 100%, naho aya 2018-2019 agakorwa nibura ku kigero cya 80%;
- v. Kunoza ikurikiranwa ry'abakekwaho ibyaha by'inzaduka n'ibindi byaha byihariye, hongerwa ikigero Ubushinjacyaha butsindiraho imanza bwaregeye Inkiko, kikagera nibura kuri 83%;
- vi. Kunoza serivise zihabwa abasaba icyangombwa kigaragaza ko bakatiwe cyangwa batakiwe n'Inkiko (Criminal Record Certificate), kigatangwa 100% hifashishijwe ikoranabuhanga (E-certificate);
- vii. Kunoza serivisi zihabwa abakorewe ibyaha n'abatangabuhanya, cyane cyane hongerwa ikigero ibibazo byabo bikemurirwaho kikagera kuri 99%.

### 3.2. UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAHIGUYE IMIHIGO YA 2020-2021

- i. Kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye kikagera nibura kuri 99%; **(Reba umuhigo wa mbere (1°).**

#### 3.2.1. IMBONERAHAMWE IGARAGAZA ISHUSHO RUSANGE Y'AMADOSIYE YAKOZWE MU BUSHINJACYAHA BUKURU MU MWAKA WA 2020-2021:


Urwego rw'Ubushinjacyaha	Amadosiye yinjye	Abayakurikiranywemo			Amadosiye yafatiwe umwanzuro			Ayasigaye mu mpera za Kamena 2020	%
		Abagore	Abagabo	Bose	Ayaregewe inkiko	Ayashyinguwe	Ayakozwe yose		
Urwego rw'Ibanze	42,130	7,556	45,921	53,477	23,692	18,333	42,025	105	99,8
Urwego Rwisumbuye	25,327	4,999	29,152	34,151	16,458	8,751	25,209	118	99,5
Urwego rw'Igihugu	55	34	89	123	29	22	51	4	92,7
<b>Igiteranyo</b>	<b>67,512</b>	<b>12,589</b>	<b>75,162</b>	<b>87,751</b>	<b>40,179</b>	<b>27,106</b>	<b>67,285</b>	<b>227</b>	<b>99,7</b>

✘ **N.B.** NK'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, umuhigo wo kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye, Ubushinjacyaha Bukuru bwawugezeho ku kigero cy'100% kuko bwari bwahize gukora nibura 99% bukorwa 99.7%.

**Amadosiye yinjiye n'ayafatiwe umwanzuro mu myaka Itandatu ishize (Nyakanga 2015 - Kamena 2021):**

Umwaka	Amadosiye yinjiye	Amadosiye yakozwe	% ayakozwe/ ayinjiye
2015-2016	25,453	35,190	99.34
2016-2017	35,509	42,622	99.1
2017-2018	43,226	43,226	98.60
2018-2019	45,444	45,267	99.6
2019-2020	53,959	53,657	99.4
2020-2021	67,512	67,285	99.7

**Uko amadosiye yinjira mu Bushinjacyaha Bukuru yagiye yiyongera kuva Nyakanga 2015 kugeza Kamena 2021:**



✓ **N.B:**

- ★ Nk'uko bigaragara, Ubushinjacyaha Bukuru guhera mu mwaka wa 2015-2016, amadosiye bwakira yikubye inshuro zirenga 2, kuko yavuye ku 25,453 muri 2015-16 agera kuri **67,512** muri 2020-21. Uku kwiyongera kugira ingaruka ku bwiza (quality) bw'amadosiye akorwa kuko n'ubwo yiyongereye cyane ariko abakozi bo muri iki gihe ntibiyongereye ku muvuduko ungana.

Uku kwiyongera kwarenze uko ubushinjacyaha Bukuru bwabiteganyaga. Ubugenzuzi bw' Ubushinjacyaha Bukuru bukaba busanga byaratewe:

- RIB yari iri kurangiza ibirarane by'amadosiye yari amaze imyaka irenze umwe kandi yose akoherezwa mu Bushinjacyaha Bukuru;
- Uku kwiyongera gukabije kwaturutse ku ivugururwa ry'Itegeko ry'Abunzi, kuko hari ibyaha 13<sup>1</sup> byari mu bubasha bw'Abunzi byagaruwe mu bubasha bw'Ubushinjacyaha Bukuru.
- Umubare w'abakora ibyaha wiyongereye kimwe n'ibyaha bishya bigenda bivuka.

---

<sup>1</sup> Ibyo byaha 13 byavanywe mu bubasha bw'Abunzi ni: Ubujura budakoreshejwe kiboko cyangwa ibikangisho, Ubuhemu, Kwangiza no konona ibiti, imyaka, ibikoresho by'ubuhinzi n'ubworozi, Gusenya cyangwa konona inyubako utari nyira zo, Guhisha ibintu bikomoka ku cyaha, Gufata nabi amatungo yororerwa mu rugo, kuyakomeretsa cyangwa kuyica, Gusebanya mu ruhame, Gutukana mu ruhame, Gukuraho, Kwimura imbibe, Kubika ku bw'uburiganya ikintu cy'undi watoraguye, Gukangisha gusebanya, Gutwika ku bushake amashyamba, imyaka iri mu murima, ibiti byatemwe cyangwa imyaka yasaruwe no Guhutaza undi byoroshye ubikoranye ubushake.

Tugereranyije **2020-2021** aho twakiriye amadosiye **67,512** n’umwaka ushize wa **2019-2020**, aho twakiriye amadosiye **53,959** usanga yariyongereyeho **13,553** angana na **25.2%**. Iyo usesenguye neza usanga iyi nyongera yaraturutse ku kwiyongera kw’ibyaha bibiri ari byo **gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake n’Ubujura**, kuko usanga ibi byaha ari byo biza ku isonga mu kugira amadosiye menshi, kandi uyu mwaka bikaba byariyongereye cyane hafi kwikuba kabiri tugereranyije n’umwaka ushize wa 2019-2020.

Ubwiyongere bw’ibyaha bwiganje cyane mu Intara y’Amajyepfo n’ Amajyaruguru gusa amadosiye menshi aracyagaragara Iburasirazuba no mu mugi wa Kigali nk’uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**IMBONERAHAMWEIGARAGAZA UKO AMADOSIYE YAGIYEYONGERA HAKURIKIJWE INTARA N'UMUJYI WA KIGALI:**

Intara/Umujiyi wa Kigali	Amadosiye yinjijye			Uko yiyongereye ku ijana
	2019-2020	2020-2021	Ijanisha % (Tugereranyije 2020-21 na 2019-20)	
Intara y'Iburasirazuba	13,619	16,739	123%	23%
Umujiyi wa Kigali	13,308	16,564	124%	24%
Intara y'Amajyepfo	11,315	14,834	131%	31%
Intara y'Iburengerazuba	8,823	10,546	120%	20%
Intara y'Amajyaruguru	6,894	8,829	128%	28%
<b>Igiteranyo</b>	<b>53,959</b>	<b>67,512</b>	<b>125%</b>	<b>25%</b>

- ★ Inzego z'Ubushinjacyaha zihereye mu Ntara z'amajyepfo nizo zagaragayemo ukwiyongera cyane bw'amadosiye yinjira, akaba yariyongereye ku kigero cya 31% tugereranyije n'umwaka ushize wa 2019-2020. N'ubwo ibyaha byiyongereye cyane mu Ntara y'amajyepfo, Intara y'Iburasirazuba ikomeza kuba iya mbere mu kugira umubare munini w'ibyaha mu gihe mu myaka yabanje Umujyi wa Kigali ari wo wazaga imbere.



**UKO UTURERE TWAKURIKIRANYE MU  
KUGARAGARAMO IBYAHA BYINSHI:**

<b>Akarere</b>	<b>Umubare wa dosiye zinjiye</b>
Gasabo	7,282
Kicukiro	4,564
Nyarugenge	4,284
Nyagatare	3,843
Rubavu	2,559
Rwamagana	2,437
Kayonza	2,316
Bugesera	2,292
Nyanza	2,166
Kamonyi	2,121
Musanze	2,080
Muhanga	2,068
Huye	2,049
Kirehe	2,009
Gatsibo	1,972
Burera	1,735
Karongi	1,675
Gicumbi	1,669
Nyamagabe	1,664
Nyabihu	1,637
Rulindo	1,629
Gakenke	1,547
Nyaruguru	1,530
Gisagara	1,499
Ruhango	1,446
Rusizi	1,378
Ngoma	1,370
Nyamasheke	1,258
Ngororero	971
Rutsiro	886
Unspecified <sup>2</sup>	1,576
<b>Igiteranyo</b>	<b>67,512</b>

<sup>2</sup> **Unspecified:** ni amadosiye usanga hataragarajwe Akarere icyaha cyakorewemo.

- *Note: Uturere twa Gasabo, Nyarugenge na Kicukiro nitwo twagaragayemo amadosiye menshi mu gihe Rutsiro, Ngororero na Nyamasheke aritwo twagaragayemo amadosiye make.*

## IMIRENGE 20 YA MBERE YAGARAGAYEMO IBYAHA BYINSHI:

No	Umurenge	Umubare wa dosiye zakiriwe
1	Nyarugenge	924
2	Kimironko	901
3	Remera	883
4	Kinyinya	781
5	Kimisagara	681
6	Kanombe	668
7	Nyarugunga	662
8	Gisozi	652
9	Gisenyi	647
10	Nyamabuye	632
11	Rusororo	606
12	Jabana	600
13	Nyamata	552
14	Muhima	551
15	Muhoza	546
16	Runda	535
17	Nyagatare	534
18	Bumbogo	524
19	Busasamana	519
20	Kicukiro	516

**Icyitonderwa:** Mu Mirenge 20 ya mbere yagaragayemo ibyaha byinshi, 13 iherereye mu mugi wa Kigali, 3 mu Majyepfo, 2 mu Burasirazuba, 1 mu Burengerazuba 1 mu Majyaruguru.

**IBYAHA 10 BYAJE KU ISONGA MU MADOSIYE UBUSHINJACYAHA BUKURU  
BWA KIRIYE MU MWAKA WA 2020-2021:**

	Ibyaha	Umubare w'amadosiye yakiriwe	% Tugeranyije n'amadosiye yakiriwe ku byaha byose
1	Gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake	19,616	29%
2	Ubujuza	16,505	24%
3	Gusambanya umwana	5,292	8%
4	Gukoresha Ibiyobyabwenge	4,428	7%
5	Gukoresha ibikangisho	3,666	5%
6	Guhoza ku nkeke uwo bashyiringanywe	3,016	4%
7	Ubuhemu	2,471	4%
8	Kubabaza umubiri bidaturutse ku bushake	1,989	3%
9	Kwihesha ikintu cy'undi hakoreshejwe uburiganya	1,957	3%
10	Kwangiza cyangwa konona ibiti, imyaka n'ibikoresho by'ubuhinzi n'ubworozi	1,654	2%
<b>Igiteranyo cy'amadosiye y'ibyaha 10 gusa</b>		<b>60,594</b>	<b>90%</b>
<b>Igiteranyo cy'amadosiye yinjiye ku byaha byose</b>		<b>67,512</b>	<b>100%</b>

✘ **NB:**

- ★ Nk'uko byagaragajwe haruguru, mu mwaka wa 2020-2021, Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye amadosiye **67,512** arimo ibyaha birenga **300**, muri ayo madosiye, ibyaha **10** gusa byihariyemo **60,594** ni ukuvuga **90%**.
- ★ Muri aya madosiye yose Ubushinjacyaha bwakiriye uko ari **67,512** ibyaha **2** byonyine (Gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake n'Ubujura) byihariye **53%** by'amadosiye yose yinjiye ni ukuvuga amadosiye **36,121** iyi ikaba ariyo ntandaro yo kwiyongera gukabije kw'amadosiye, kuko tugereranyije n'umwaka ushize amadosiye y'ibi byaha yikubye hafi inshuro **2**.
- ★ Ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina (**GBV Crimes<sup>3</sup>**) byonyine byihariye **14<sup>0</sup>%** by'amadosiye yinjiye, ibi byaha nabyo bikaba byiyongera cyane.

### 3.2.2. **UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWATSINZE IMANZA MU MADOSIYE BWAREGEYE INKIKO**

- ii. Undi muhigo wari uwo kuzamura ikigero Ubushinjacyaha butindiraho imanza mu madosiye bwaregeye inkiko, kikagera nibura kuri **93%**; (**Reba umuhigo wa kabiri (2<sup>o</sup>)**).

Kuva Nyakanga 2020 kugera Kamena 2021, imanza **27,332** zaburanywe n'Ubushinjacyaha Bukuru mu Nkiko zarasomwe; muri zo ibihumbi **24,616** zingana na **90.1%** bwazatsinze nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

---

**3 GBV Crimes:** Gusambanya umwana, Guhoza ku nkeke uwo mwashyingiranye no gusambanya abakuru ku gahato.


✘ Imbonerahamwe igaragaza uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze imanza mu madosiye bwaregeye inkiko:

Urwego rw'Ubushinjacyaha	Imanza zasomwe	Izo Ubushinjacyaha bwatsinze	Izo Ubushinjacyaha bwatsinzwe	Ikigero bwatsindiyeho imanza
Urwego rw'Ibanze	17,055	15,909	1,146	93.3%
Urwego Rwisumbuye	10,249	8,683	1,566	84.7%
Urwego rw'Igihugu	28	24	4	85.7%
<b>Igiteranyo</b>	<b>27,332</b>	<b>24,616</b>	<b>2,716</b>	<b>90.1%</b>

✓ **NB:**

Uyu muhigo wo kuzamura ikigero Ubushinjacyaha butsinziraho imanza mu madosiye bwaregeye inkiko ntabwo bwawugezeho 100% nk'uko bwari bwahize. Hakaba harafashwe ingamba zo kuzamura conviction rate harimo: gusesengura neza dosiye hakaregerwa gusa izifite ibimenyetso bihagije, guhugura Abashinjacyaha cyane cyane ku buryo bwo gukurikirana bakekwaho ibyaha by'inzaduka bikomeje kwiyongera, kwongera imbaraga mu kugenzura ubwiza bw'amadosiye akorwa n'Abashinjacyaha.

Uko ubushinjacyaha Bukuru bwagiye butsinda imanza mu madosiye bwaregeye inkiko mu myaka 7 ishize (Nyakanga 2014 - Kamena 2021):



*Ibikorwa byakozwe n'ubushinjacyaha bukuru mu mwaka wa 2020 - 2021*

**3.2.3. IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA  
ABAKEKWAHO IBYAHA MPUZAMAHANGA  
BYAKOZWE MURI GENOCIDE YAKOREWE  
ABATUTSI MURI 1994 BAHUNGIYE HANZE Y’U  
RWANDA**

- iii. Undi muhigo wari uwo kwihutisha ikurikiranwa ry’abakekwaho ibyaha mpuzamahanga byakozwe muri Genocide yakorewe abatutsi muri 1994 bahunze Igihugu, Ubushinjacyaha bwiyemeje gufatira umwanzuro amadosiye nibura 300, (Reba umuhigo wa gatatu (3°).

- a. Imbonerahamwe igaragaza amadosiye yakozwemo iperereza:

No	Akarere iperereza ryakorewemo	Umubare w’amadosiye yarangirijwe iperereza
	RWAMAGANA	125
	RUSIZI	73
	HUYE	60
	NGOMA	52
	BUGESERA	43
	RUBAVU	20
	KAYONZA	19
	GASABO	8
	NYARUGENGE	6
	NYAMAGABE	5
	KARONGI	4
	KICUKIRO	4
	MUHANGA	4
	MUSANZE	3
	NYANZA	3

	RULINDO	2
	GISAGARA	1
	KAMONYI	1
	KIREHE	1
	NGORORERO	1
	NYARUGURU	1
	RUHANGO	1
	RUTSIRO	1
<b>Igiteranyo</b>		<b>438</b>

**NB:** Muri aya madosiye yarangirijwe iperereza:

- 59 iperereza ryagaragaje ko abazirikiranywemo bahunze Igihugu zikorera inyandiko zitanga ibirego, Muri zo 5 zakorewe inyandiko zitanga ibirego zoherezwa mu bihugu baherereyemo, izindi umwaka warangiye zitaroherezwa
- 01 yakorewe iperereza habura ibimenyetso;
- 82 iperereza ryagaragaje ko abaziregwamo barangije ibihano bari mu ngo zabo;
- **219** iperereza ryagaragaje ko abaziregwamo bakatiwe n’Inkiko, bafungirwe mu magereza hirya no hino mu Gihugu;
- **13** iperereza ryagaragaje ko abaziregwamo Inkiko Gacaca zabagize abere;
- 14 iperereza ryagaragaje ko abaziregwamo bapfuye;
- 1 iperereza ryagaragaje ko uyiregwamo atakoze ibihano yakatiwe n’Inkiko Gacaca;
- 4 iperereza ryagaragaje ko abaziregwamo batarangije ibihano bari mu ngo zabo;
- 1 iperereza ryagaragaje ko abaziregwamo batakoze ibihano bakatiwe n’Inkiko Gacaca;
- 8 iperereza ryarakozwe ntirarangira rizakomeza gukorwa.



Muri rusange Ubushinjacyaha Bukuru bwafatiye umwanzuro amadosiye **322** mu gihe bwari bwihaye intego yo gufatira umwanzuro amadosiye **300**, ibi bivuze ko uyu muhigo wahiguwe ku kigero cya **100%**.

- b. **Imbonerahamwe igaragaza inyandiko zitanga ibirego zakozwe zikanoherezwa mu bihugu abakekwaho ibyaha mpuzamahanga byakozwe muri Genocide yakorewe abatutsi muri 1994 baherereyemo:**

N°	Igihugu	Inyandiko zoherejwe
1.	FRANCE	1
2.	ITALY	3
3.	SWEDEN	1
<b>Igiteranyo</b>		<b>5</b>

**N.B:**

- ★ Muri uyu mwaka wa 2020-2021, inyandiko zitanga ibirego zakozwe zikanoherezwa mu bihugu abakekwaho ibyaha mpuzamahanga byakozwe muri Genocide yakorewe abatutsi muri 1994 baherereyemo ni 5.
- ★ Uyu mwaka inyandiko zitanga ibirego zatanze ni nke, kuko hibanzwe cyane ku gukora amaperereza y'ibanze ku madosiye y'abantu bari mu Rwanda.
- ★ Mu myaka 8 ishize (Nyakanga 2013 - Kamena 2021) Ubushinjacyaha Bukuru bwohereje mu bihugu bitandukanye inyandiko zitanga ibirego **973**.

c. Imbonerahamwe igaragaza Commissions Rogatoires<sup>4</sup> zaje n'amadosiye zakozeho :

N <sup>o</sup>	Ibihugu	Inshuro zaje	Umubare wa dosiye zakozweho iperereza
1.	FRANCE	2	18
2.	UK	1	1
3.	BELGIUM	1	5
4.	NETHERLANDS	2	1
<b>Igiteranyo</b>		<b>06</b>	<b>25</b>

d. Imbonerahamwe igaragaza abagaruwe mu Rwanda:

N <sup>o</sup>	Amazina	Igihugu cyamugaruye	Itariki yagerejwe mu Rwanda
1.	MUNYENYEZI Béatrice	USA	16 Mata 2021

e. Imanza z'abakekwaho gukora Jenoside yakorewe abatutsi muri 1994 bagaruwe mu Rwanda ziriho ziburanishwa mu mizi n'inkiko z'u Rwanda:

N <sup>o</sup>	Dosiye	Aho yaturutse	Aho igeze
1.	Dr. MUGESERA Leon	Canada	Iburanisha ry'urubanza mu Rukiko rw'Ubujurire ryarapfundikiwe, kuwa 25 Nzeli 2020 yakatiwe igifungo cya burundu

<sup>4</sup> Commission rogatoire: Ubufatanye mu iperereza

2.	UWINKINDI Jean	ICTR	Kuwa 24 Ukuboza 2020 Urukiko rw'Ubujurire rwamukatiye igifungo cya burundu
3.	MUNYAGISHARI Bernard	ICTR	Iburanisha ry'urubanza mu Rukiko rw'Ubujurire ryarapfundikiwe, kuwa 7 Gicurasi 2021 yakatiwe igifungo cya burundu
4.	MBARUSHIMANA Emmanuel	Denmark	Kuwa 07 Ukwakira 2018 ku rwego rwa mbere (HCCI) yakatiwe igifungo cya burundu, ajuririra Urukiko rw'Ubujurire, urubanza rukaba rukiburanishwa.
5.	NTAGANZWA Ladislav	ICTR	Kuwa 28 Gicurasi 2020 ku rwego rwa mbere (HCCI) yakatiwe igifungo cya burundu, ajuririra Urukiko rw'Ubujurire.

6.	MUGIMBA Jean Baptiste	Kingdom of the Netherlands	Urubanza ruracyaburanishwa ku rwego rwa mbere (HCCI)
7.	IYAMUREMYE Jean Claude	Kingdom of the Netherlands	Kuwa 30 Kamena2021, ku rwego rwa mbere (HCCI) yakatiwe igifungo cy'imyaka 25.
8.	TWAGIRAMUNGU Jean	Germany	Urubanza ku rwego rwa mbere ruracyaburanishwa mu Rukiko Rukuru (HCCI)
9.	TWAGIRAYEZU Wenceslass	Denmark	Urubanza ku rwego rwa mbere ruracyaburanishwa mu Rukiko Rukuru (HCCI)
10.	NKAKA Ignace & NSEKANABO Jean Pierre	DRC	Urubanza ku rwego rwa mbere ruracyaburanishwa mu Rukiko Rukuru (HCCI)
11.	NSABIMANA Callixte alias Sankara et al.,		Urubanza ku rwego rwa mbere ruracyaburanishwa mu Rukiko Rukuru (HCCI)

3.2.4. **IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA  
ABAKEKWAGO GUKORA IBYABA BIMUNGA  
UBUKUNGU N'IMARI BY'IGIHUGU**

- iv. Kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu n'imari by'Igihugu, nk'uko bigaragazwa na raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta 2017-2018 agakorwa ku kigero cya 100% naho aya 2018-2019 agakorwa ku kigero cya 80% **(Reba umuhigo wa kane (4°))**.

a. Amadosiye y'ibyaha bimunga ubukungu n'imari by'Igihugu yafatiwe umwanzuro:

Ibyaha	Amadosiye yinjije	Abayakuriranywemo		Ayare-gewe Inkiko	Ayashyi nguwe	Aya-kozwe yose	Akigwa	%
		Abag-ore	Abaga-bo					
Kurigisa cyangwa konona umutungo	444	240	771	253	184	437	7	98.4
Ruswa n'ibyaha bifitanye isano (Bribery)	314	58	340	222	90	312	2	99.4
Gukoresha nabi umutungo ufiteye rubanda inyungu	93	40	180	25	67	92	1	98.9
Gutanga sheki itazigamiwe	950	190	760	125	822	947	3	99.7
Kwigwizaho umutungo	12	6	7	7	3	10	2	83.3
Ibyaha biyanye n'itangwa ry'amasoko ya Leta	32	14	72	16	13	29	3	90.6
Kutishyura umusoro wagenwe	33	16	106	13	18	31	2	93.9
Gukoresha ububasha uhabwa n'itegeko mu nyungu bwite lyezandonke	14	6	23	9	3	12	2	85.7
	6	1	6	5	1	6	0	100.0
<b>Igiteranyo</b>	<b>1,898</b>	<b>571</b>	<b>2,265</b>	<b>675</b>	<b>1,201</b>	<b>1,876</b>	<b>22</b>	<b>98.8</b>

▪ **NB:** Muri rusange, intego y'ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu n'imari by'Igihugu yakozwe ku kigero 98.8%;

b. Uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze imanza mu madosiye bwaregeye inkiko mu byaha bimunga ubukungu n'imari by'Igihugu:

Icyaha	Imanza zasomwe	Abaregwaga muri izo manza			Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze	Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze	Ikigero cyo gutsindira ho imanza
		Abagore	Abagabo	Bose			
Kurigisa cyangwa konona umutungo	314	364	808	1,172	241	73	77
Ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo (Bribery)	223	78	351	429	170	53	76
Ibyaha bijyanye n'itangwa ry'amasoko ya Leta	5	11	14	25	4	1	80
Gukoresha nabi umutungo ufiteye rubanda inyungu	31	32	115	147	23	8	74
Kudasobanura inkomoko y'umutungo	6	4	23	27	3	3	50
Kutishyura umusoro wagenwe	1	1	0	1	1	0	100
Gutanga sheki itazigamiwe	91	21	116	137	81	10	89
Kunyereza umusoro	2	0	5	5	2	0	100
<b>IGITERANYO</b>	<b>673</b>	<b>511</b>	<b>1,432</b>	<b>1,943</b>	<b>525</b>	<b>148</b>	<b>78</b>

c. Incamake y'ibyakozwe n'Ubushinjacyaha Bukuru kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta y'umwaka wa 2017-2018:

✓ Amadosiye yafatiwe umwanzuro hashingiwe kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ya 2017-2018:

Ibigo n'inzego byagenzuwe za Leta	Ibigo n'inzego za Leta byakozweho ipereza	Ama-dosiye yafunguwe muri izo nzego	Ama-dosiye yizwe akara ngizwa	Ama-dosiye yaregwe inkiko	Ayoherejwe mu Bushinjacyaha bwa Gisirikare	Ayashyinguwe	Asigaye atarafatirwa umwanzuro	Impuzandengo y'ibyakoze n'Ubushinjacyaha (%)
173	100	92	92	07	0	85	0	100%

✓ Ingano y'ihazabu yaciye igatangwa

Mu ikurikirana ry'ibivugwa muri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, hari aho Ubushinjacyaha Bukuru bwasanze ababigizemo uruhare bagomba gucibwaihazabu. Iyo hazabu ikaba yaratanzwe hashingiwe ku ngingo ya 25 y'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/9/2019 ryerekeye imiburanishirize y'ibanza z'inshinjabyaha.



**Imbonerahamwe igaragaza ingano y'ihazabu yatanzwe:**

Umubare w'amadosiye yaciwemo ihazabu	Abatanze ihazabu	Ingano y'ihazabu yatanzwe
02	08	7,176,000 Frw

✓ **Ingano y'umusoro n'andi mafaranga yasubijwe mu isanduku ya leta**

Mu ikurikirana ry'inenge zagaragajwe n' Umugenzuzi Mukuru w' Imari ya Leta, hari abo Ubushinjacyaha Bukuru bwasanze hari imisoro batakase cyangwa andi mafaranga yagiye yishyurwa mu buryo budakwiye, maze busaba ababizemo uruhare kuyishyura.

**Iyi ni imbonerahamwe igaragaza ingano y'amafaranga yinjije mu isanduku ya Leta muri ubu buryo:**

Umubare w'amadosiye	Umubare w'abari bakurikiranywe muri ayo madosiye basubije amafaranga banyereje	Ingano y'amafaranga yagaruwe mu isanduku ya Leta
37	73	576,564,780 FRW

d. Incamake y'ibyakozwe n'Ubushinjacyaha Bukuru kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta y'umwaka wa 2018-2019:

✘ Imiterere ya raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ya 2018-2019:

Ibigo byaganzuwe	Ibigo byagombaga gukorerwa iperereza	Ibigo byakorewe iperereza	Ibigo bitarakorerwa iperereza
172	127	105	22

✘ Ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho kunyereza umutungo wa Leta bagaragaye muri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta:

Amadosiye yagombaga kwigwa	Ayaregwe inkiko	Ayashyinguwe	Ayakozwe yose hamwe	Ayasigaye	Ayakozwe ku ijana
98	06	78	84	14	85.7%

✘ Amafaranga yasubijwe mu isanduku ya leta (Imisoro n'andi mafaranga byanyerejwe):

Umubare w'amadosiye	Umubare w'abari bakurikiranywe muri ayo madosiye basubijwe amafaranga banyereje	Amafaranga yasubijwe mu isanduku ya Leta nta rubanza
05	72	152,953,383 FRW

✓ N.B: Gusubiza amafaranga ntibibuza uregwa gukurikiranwa.

**3.2.5. IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA IBYAHA BY'INZADUKA N'IBINDI BYAHA BYIHARIYE BIGIRA INGARUKA ZIHARIYE KU BUZIMA BW'ABATURAGE:**

v. Kongera ikigero dutsindiraho imanza z'abakekwaho ibyaha by'inzaduka n'ibindi byaha byihariye bigira ingaruka zikomeye ku buzima bw'abaturage: **(Reba umuhigo wa gatanu (5%).**

**▪ IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA IBYAHA BY'INZADUKA**

a. Imbonerahamwe igaragaza amadosiye y'ibyaha by'inzaduka yinjije n'ayafatiwe umwanzuro:

Icyaha	Amadosiye yinjijye	Abayakurikiranywemo			Ayaregewe Inkiko	Ayashy inguwe	Ayakozwe yose	Akigwa	%
		Abagore	Abagabo	Bose					
Ibyaha bikoreshajwe ikoranabuhanga (Cyber-crimes)	286	86	253	339	168	118	286	0	100%
Gucuruza abantu	10	6	4	10	4	6	10	0	100%
Iterabwoba	8	0	30	30	7	1	8	0	100%
Iyezandonke	6	1	6	7	5	1	6	0	100%

b. Imbonerahamwe igaragaza uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze imanza z'amadosiye y'ibyaha by'inzaduka bwaregeye Inkiko:

ICYAHA	Imanza zasomwe	Abaregwaga muri izo imanza			Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze	Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze	Ikigero cyo gutsindiraho imanza
		Abagore	Abagabo	Bose			
Ibyaha bikore-shejwe ikoranabuhanga (Cyber-crimes)	99	23	104	127	80	19	81
Gucuruza abantu	7	4	5	9	7	0	100

▪ **Note:** Ikigero Ubushinjacyaha Bukuru butsindiraho imanza mu madosiye y'ibyaha by'inzaduka cyariyongereye kuko cyavuye kuri 94.1% umwoaka ushize wa 2019-2020 kigera kuri 95% uyu mwaka wa 2020-2021. Ubushinjacyaha bukaba buri ku kigero cyiza mu guhangana n'ibi byaha bikomeza kwiyongerawo.

▪ **IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA IBINDI BYAHA BYIHARIYE BIGIRA INGARUKA ZIHARIYE KU BUZIMA BW'ABATURAGE**

- ✓ Ibyagezweho mu gukurikirana abakekwaho ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina
  - a. Imbonerahamwe igaragaza amadosiye yinjije n'ayafatiwe umwanzuro:


Icyaha	Ama-dosiye yinjije	Abayakurikiranywemo			Ayaregewe Inkiko	Ayashyi nguwe	Aya-kozwe yose	Akigwa	%
		Abag-ore	Abaga-bo	Bose					
Gusamban-ya umwana	5,292	190	5,116	5,306	2,983	2,292	5,275	17	99.7
Guhoza ku nkeke uwo bashyingira-nywe	3,016	179	2,837	3,016	2,230	781	3,011	5	99.8
Gukoresha imibonano mpuzabit-sina ku ga-hato	1,106	26	1,143	1,169	460	639	1,099	7	99.4
<b>Igiteranyo</b>	<b>9,414</b>	<b>395</b>	<b>9,096</b>	<b>9,491</b>	<b>5,673</b>	<b>3,712</b>	<b>9,385</b>	<b>29</b>	<b>99.7</b>

b. Imbonerahamwe igaragaza uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze amadosiye y'ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina bwaregeye inkiko:

Icyaha	Imanza zasomwe	Abaregwaga muri izo manza			Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze	Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze	Ikigeracyo cyo gutsindiraho imanza
		Abagore	Abagabo	Bose			
Gusambanya umwana	2,117	49	2,213	2,262	1,426	691	67%
Gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato	272	4	314	318	189	83	69%
Guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe	1,312	53	1,282	1,335	1,241	71	95%
<b>Igiteranyo</b>	<b>3,701</b>	<b>106</b>	<b>3,809</b>	<b>3,915</b>	<b>2,856</b>	<b>845</b>	<b>77%</b>

- c. **NB:** Umuhigo wo kongera ikigero dutsindiraho amadosiye y'abakekwaaho ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina nibura hejuru ya 83%, nitabwo twakigezeho. Uko amadosiye y'ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina yagiye yiyongera mu myaka 5 ishize (Nyakanga 2016 - Kamena 2021):

Umwaka	Gusambanya umwana	Guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe	Gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato	Igiteranyo
2016-2017	2,086	736	308	3,130
2017-2018	2,996	1,091	505	4,592
2018-2019	3,363	1,601	599	5,563
2019-2020	3,793	2,430	781	7,004
2020-2021	5,292	3,016	1,106	9,414



*Ibikorwa byakozwe n'ubushinjacyaha bukuru mu mwaka wa 2020 - 2021*



★ **Note:** Bigaragara ko amadosiye y'ibyaha by'ihohotera rishyingiye ku gitsina yikubye inshuro zirenga 3 mu myaka 5 gusa, yawuye ku **3,130** muri 2016-2017 agera kuri **9,414** muri uyu mwaka wa 2020-2021.

d. **Ikigero cy'uko amadosiye y'ibyaha by'ihohotera rishyingiye ku gitsina Ubushinjacyaha bwagiye buyatsindiraho mu myaka 5 ishize (Nyakanga 2016 - Kamena 2021):**

Umwaka	Gusambanya umwana	Gusambanya ku gahato	Guhoza ku nkeke uwo mwashyingiranywe
2016-17	81.9%	72.7%	95.7%
2017-18	78.9%	67.1%	96.7%
2018-19	73.0%	70.6%	93.7%
2019-20	74.2%	79.1%	95.1%
2020-2021	67%	69%	95%

✓ **Note:** Nk'uko bigaragara, n'ubwo intego Ubushinjacyaha Bukuru bwihaye mu gutsinda imanza z'ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina itagezweho 100%, ariko tugereranyije n'umwaka wa 2018-2019, ikigero dutsindiraho imanza z'ibi byaha kiyongereyeho 3%, ikaba ari intambwe nziza mu gukurikirana abakekwaho ibi byaha.

✓ **Ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo**

a. Amadosiye yinjije n'ayafatiwe umwanzuro:

Icyaha	Amadosiye yinjije	Abayakurikirany-wemo			Ayaregwe Inkiko	Ayashyi nguwe	Ayakozwe yose	Akigwa	%
		Aba-gore	Aba-gabo	Bose					
Ingengabitekerez <sup>5</sup> ya jenoside	365	112	331	443	231	129	360	5	98.6
Guhakana jenoside	19	5	18	23	11	7	18	1	94.7
Gupfobya jenoside	23	3	21	24	13	9	22	1	95.7
Guha ishingiro jenoside	12	2	10	12	5	6	11	1	91.7
<b>IGITERANYO</b>	<b>419</b>	<b>122</b>	<b>380</b>	<b>502</b>	<b>260</b>	<b>151</b>	<b>411</b>	<b>8</b>	<b>98.1</b>

<sup>5</sup> **Ingengabitekerezo ya jenoside:** harimo icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside, guhohotera uwacitse ku icumu, gusenywa inzibutso, kwiba cyangwa kwangiza imibiri y'abazize jenoside. Muri ibi byaha, icyaha cyo gihohotera uwacitse ku icumu nicyo kiza ku isonga mu kugira amadosiye menshi

- b. Uko ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze imanza mu madosiye y'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo yasomwe n'inkiko:

Icyaha	Imanza zasomwe	Abaregwaga muri izo manza			Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze	Imanza Ubushinjacyaha bwat-sinzwe	Ikigero cyo gutsindiraho imanza
		Abagore	Abagabo	Bose			
Ingengabitekerezo ya jenoside	200	130	247	377	152	48	76.0
Guhakana jenoside	12	9	10	19	10	2	83.3
Gupfobya jenoside	20	8	21	29	15	5	75.0
Guha ishingiro jenoside	6	1	5	6	6	0	100.0
<b>IGITERANYO</b>	<b>238</b>	<b>148</b>	<b>283</b>	<b>431</b>	<b>183</b>	<b>55</b>	<b>76.9</b>

★ *Note: Ikigero Ubushinjacyaha butsinziraho imanza z'ibi byaha cyaragabanutse kuko umwaka ushize cyari kuri 78.2%.*

✓ Ubwicanyi n'ibyaha bifitanye isano nabwo

a. Amadosiye yinjije n'ayafatiwe umwanzuro:

Icyaha	Ama-dosiye yinjije	Abayakurikiranywemo		Ayare- gewe Inkiko	Ayash- yinguwe	Aya- kozwe yose	Akigwa	%
		Abagore	Abagabo					
Ubwicanyi	717	147	1,058	1,252	148	713	4	99%
Kwihekura	58	47	9	60	13	58	0	100%
<b>Igiteranyo</b>	<b>775</b>	<b>194</b>	<b>1,067</b>	<b>1,312</b>	<b>161</b>	<b>771</b>	<b>4</b>	<b>99,5%</b>

b. Imanza zasomwe n'imyanzuro y'inkiko ku byaha by'ubwicanyi n'ibifitanye isano nabwo:

Icyaha	Imanza zasomwe	Abaregwa muri izo man- za			Imanza Ubushinja- cyaha bwat- sinze	Imanza Ubushinja- cyaha bwat- sinzwe	Ikigero cyo gutsindira- ho imanza
		Abag- ore	Abaga- abo	Bose			
Ubwicanyi	406	87	606	693	354	52	87%
Kwihekura	37	37	3	40	37	0	100%
<b>Igiteranyo</b>	<b>443</b>	<b>124</b>	<b>609</b>	<b>733</b>	<b>391</b>	<b>52</b>	<b>88,3%</b>

★ NB: Umuhigo wo gukurikirana by'umwihariko ibi byaha, hongerwa ikigero dutsindiraho amadosiye kikagera nibura kuri 83%, twawugezeho 100% kuko twayatsinze kuri 89%.

- ✓ Gucuruza no gukoresha ibiyobyabwenge
- a. Amadosiye yinjije n'ayafatiwe umwanzuro:

Amadosiye yinjije	Abayakurikiranywemo		Ayaregewe Inkiko	Ayashyirangwe	Ayakozwe yose	Akigwa	%
	Abagore	Abagabo					
4,428	775	4,733	5,508	3,933	4,418	10	99.8%

- b. Imanza zasomwe n'imyanzuro y'inkiko ku byaha byo gucuruza no gukoresha ibiyobyabwenge:

Imanza zasomwe	Abaregwaga muri izo manza		Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze	Imanza Ubushinjacyaha bwatsinzwe	Ikigero cyo gutsindiraho imanza	
	Abagore	Abagabo				Bose
1,789	341	2,162	2,503	1,715	74	96

### 3.2.6. **IBYAGEZWEHOMUKUNOZA SERIVISE ZIHABWA ABASABA ICYANGOMBWA KIGARAGAZA KO ABANTU BAKATIWE CYANGWA BATAKATIWE N'INKIKO**

- vi. **Kunoza serivise zihabwa abasaba icyangombwa kigaragaza ko bakatiwe cyangwa batakatiwe n'Inkiko (Criminal Record Certificates), kigatangwa 100% hifashishijwe ikoranabuhanga (E-certificate) (Reba umuhigo wa karindwi (6°)).**

Ku bufatanye n'Irembo, MINICT n'abandi bafatanyabikorwa, guhera mu kwezi k'Ukuboza 2019, icyangombwa kigaragaza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'Inkiko (Criminal Record Certificate) gitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga gusa (E-certificate) guhera mu kugisaba kugeza ku kugihabwa, aho umuntu agisaba akanagihabwa atiriwe aza ku biro y'Ubushinjacyaha Bukuru. Ibi bikaba bikomeje kugabanya umwanya n'ikiguzi byagendaga mu gushaka iki cyangombwa.

Kuva Nyakanga 2020 kugeza Kamena 2021, Ubushinjacyaha bwatanze ibyangombwa (Criminal Record Certificates) **136,606** bwinjiza mu isanduku ya Leta angana na **169,779,455 Frw.**

Muri uyu mwaka, mu rwego rwo kunoza iyi serivise, abantu **39,926** bakatiwe n'Inkiko binjijwe muri software ya Casier Judiciaire, mu rwego rwo kwirinda ko hari uwahabwa icyangombwa kiriho amakuru atari ukuri.

Ku bufatanye na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (Minecofin), binyuze mu mushinga wa SMART NPPA, ubu hariho haravugururwa system ya casier Judiciaire ku buryo ishobora guhererekanya amakuru na IECMS umuntu wese ukatiwe n'Inkiko akajya ahita agaragara muri system.

### 3.2.7. IBYAGEZWEHO MU KURENGERA NO GUFASHA ABAKOREWE IBYAHA N'ABATANGABUHAMYA

vii. Kunoza serivisi zihabwa abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya, cyane cyane hongerwa ikigero ibibazo byabo bikemurirwaho kikagera kuri 99%; (Reba umuhigo wa karindwi (7°)).

a. **Ibibazo by'abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya byakiriwe n'uburyo byakemuwe:**

Mu mwaka wa 2020-2021, ishami ry'Ubushinjacyaha Bukuru rishinzwe kurengera no gufasha abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya ryakiriye ibibazo 2,665 muri byo 2,652 byarakemuwe naho 13 byari bigikurikiranwa mu mpera za Kamena 2020, ni ukuvuga ko 99.5 % by'ibibazo byakiriwe byacyemutse.

★ *N.B: Umuhigo Ubushinjacyaha Bukuru bwari bwihaye wo gukemura ibibazo by'abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya bukaba bwarawugezeho 100%.*

#### Imbonerahamwe igaragaza ibibazo byakemuwe:

Ibibazo byakemuwe	Abakemuriwe ibibazo			
	Abagabo	Abagore	Abana	Bose hamwe
Ibibazo byakemuwe	1,121	1,027	504	2,652

b. **Abatangabuhamya bashatswe:**

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa amasezerano Inkiko Mpuzamahanga cyangwa Ibihugu binyuranye biba byagiranye na Leta y'u Rwanda hagamijwe gukurikirana abanyabyaha batorotse ubutabera (fugitives), Ishami rishinzwe kurengera Abakorewe ibyaha n'Abatangabuhamya rifasha Commissions Rogatoires n'inzego z'Ubushinjacyaha kubona Abatangabuhamya baba bakenewe mu madosiye anyuranye.

**Imbonerahamwe igaragaza abatangabuhamya bashatswe:**

N°	Abashakiwe Abatangabuhamya	Abatangabuhamya bashatswe			
		Abagabo	Abagore	Abana	Bose hamwe
1.	Commision Rogatoire	372	156	2	530
2.	Ubushinjacyaha	179	45	1	225
3.	Uregwa (Suspect)	9	7	0	16
<b>Total</b>		<b>560</b>	<b>208</b>	<b>3</b>	<b>771</b>

**c. Ibimenyetso by'inyongera byashatswe:**

Expertise médicale	Attestation de naissance	Rapport Medicale	Autopsie	Acte de naissance
354	90	61	12	12

**d. Imbonerahamwe igaragaza ubufasha bunyuranye bwahawe abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya:**

N°	Ubufasha bahawe	Umubare w' abahawe ubufasha
	Abamenyeshejwe imiterere y'amadosiye yabo	896
	Abahawe ifunguro	390
	Abahawe amafaranga y'urugendo mu gukurikirana imanza zijyanye n'ihohoterwa bakorewe	280
	Abacumbikiwe	59
	Abashakiwe abunganizi	43
	Abahawe insimburamubyizi	39
	Abakorewe ubujyanama ku ihungabana bagiye/counselling	33
	Abavujwe	14
	Abashakiwe passports	8
	Abashinganishijwe ku mpamvu z'umutekano	2



3.2.8. UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAHIGUYE MURI RUSANGE IMIHIGO Y'UMWAKA WA 2020-2021 :

No	Umuhigo	Igipimo (indicator)	Intego (target)	Iyagezweho (achievement nts)	% y'uko umuhigo wahiguye
1	Kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye	Amadosiye yakoze ku ijana	99%	99.7%	100.7%
2	Kuzamura ikigero Ubushinjacyaha butindiraho amadosiye bwaregaye inkiko	Conviction rate	93%	90.1%	96.88%
3	Kwihutisha ikurikiranwa ry'abakerekwaho jenoside yakorewe abatutsi bahunze Igihugu.	Umubare w'amadosiye yafatiwe umwanzuro	300	322	107.3%
4	Kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakerekwaho ibyaha bimunga ubukungu n'imari by'Igihugu, nk'uko bigaragazwa na raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta	Amadosiye yakoze ku ijana	100% (2017-18) na 80% (2018-2019)	100% (2017-18) na 85% (2018-2019)	102.7%
5	Kunoza ikurikiranwa ry'abakerekwaho ibyaha by'inzaduka n'ibindi byaha byihariye bigira ingaruka zikomeye ku buzima bw'abatutuye	Ikigero cyo gutsindiraho amadosiye	83%	83.4%	100.4%
6	Kunoza serivizihabwa abasaba icyangombwa kigaragaza ko bakatiwe cyangwa batakatiwe n'Inkiko (Criminal Record Certificate)	Gutangwa hifashishijwe ikoranabuhanga (E-certificate);	100%	100%	100%
7	Kunoza serivisi zihabwa abahohotewe n'abatangabuhamya	% y'ibibazo byakemuwe	99%	99.5%	100%
<b>Ikigeranwo rusange Ubushinjacyaha Bukuru bwahiguyeho imihigo ya 2020-2021</b>					

### 3.3. **IBINDI BYAKOZWE N'UBUSHINJACYAHA BUKURU KUVA MURI NYAKANGA 2020 KUGEZA MURI KAMENA 2021**

#### 3.3.1. **IBYAGEZWEHO MU BIRO BY'UMUSHINJACYAHA MUKURU**

Mu rwego rwo gufatanya n'ibindi bihugu mu bikorwa byo kurwanya ibyaha no gukurikirana abanyabyaha, nk'uko biteganywa n'Itegeko N°014/2018 ryo ku wa 04/04/2018 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Ubushinjacyaha Bukuru n'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare, mu ngingo yaryo ya 28, kuva Nyakanga 2020 kugeza Kamena 2021 Umushinjacyaha Mukuru yitabiriye inama mpuzamahanga zitandukanye, akora ingendo mu bihugu bitandukanye ndetse anakira intumwa ziturutse hirya no hino muri urwo rwego:

- ✓ Kuwa 25 Kanama no kuwa 01 Ukuboza 2020 Umushinjacyaha Mukuru yakiriye mu biro bye Umushinjacyaha Mukuru wa IRMCT Dr. SERGE BRAMMERTZ n'abo bari kumwe baganira cyane cyane ku ngamba zo gushimangira imikoranire myiza ishingiyeye ku nyungu z'ibigo byombi;
- ✓ Kuwa 30 Nzeli 2020, Umushinjacyaha Mukuru yakiriye mu biro bye Mr. Abubacar Marie Tambadou, Assistant SG and Registrar of IRMCT, baganira ku ngamba zo gushimangira imikoranire;
- ✓ Kuwa kuwa 05 kugeza kuwa 10 Ukwakira 2020, Umushinjacyaha Mukuru yagize urugendo rw'akazi mu gihugu cy'Ububiligi;
- ✓ Kuwa 24 Ugushyingo no kuwa 01 Ukuboza 2020, Umushinjacyaha Mukuru yakiriye mu biro bye commission rogatoire Yaturutse mu gihugu cy'Ubwongereza no mu gihugu cy'Ubuholande izanywe no gukora iperereza ku madosiye ya jenocide ya korewe abatutsi mu 1994;
- ✓ Kuwa 02 Werurwe 2021, Umushinjacyaha Mukuru yakiriye mu biro bye intumwa zari ziturutse mu gihugu cya RDC baganira ku buryo bwo kunoza imikoranire;

- ✓ Kuwa 05 Mata 2021, Umushinjacyaha Mukuru yakiriye Ambassador wa Netherlands mu Rwanda baganira ku bufatanye mu by'ubutabera;
- ✓ Kuwa 17 Mata 2021, Umushinjacyaha Mukuru yakiriye mu biro bye anakorana inama n'Umushinjacyaha Mukuru wa IRMCT Dr. SERGE BRAMMERTZ baganira cyane ku ngamba zo kurwanya ibyaha hagati y'Ubushinjacyaha Bukuru na IRMCT;
- ✓ Kuwa 25 Gicurasi 2021, Umushinjacyaha Mukuru yakiriye commission rogatoire yari iturutse mu Gihugu cy'Ubuholandi yaje gukora amaperereza ku banyarwanda bakekwaho kugira uruhare muri jenocide yakorewe Abatutsi bahungiyeye muri icyo gihugu.
- ✓ Kuwa kuwa 1 kugeza kuwa 3 Kamena 2021, Umushinjacyaha Mukuru yitabiriye inama Nyunguranabitekerezo igamije gusuzuma ibimaze kugerwaho mu myaka 25 y'ubufatanye bw'Urwego rw'Ubutabera na Ambassade y'Ubuholandi mu Rwanda.

### **3.3.2. IBYAGEZWEHO MU MIKORANIRE MYIZA N'ABATURAGE NDETSE N'ITANGAZAMAKURU MURWEGORWOKUMENYEKANISHA IBIKORWA BY'UBUSHINJACYAHA.**

Kubera ingamba zo kwirinda icyorezo cya covid 19, mu rwego rwo kunoza imikoranire myiza n'abaturage ndetse no kubashishikariza kugira uruhare mu bikorwa by'Ubushinjacyaha Bukuru, muri uyu mwaka hibanzwe cyane cyane mu gutegura ibiganiro byagiye binyuzwa ku ma radio na televiziyo.

Kuva Nyakanga 2020 kugeza Kamena 2021 Ubushinjacyaha bwateguye ibiganiro bitandukanye byanyuze ku radio na television byibanda cyane ku:

- Gukurikirana abakekwaho ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina;
- Gukurikirana abakekwaho Jenoside yakorewe Abatutsi bahunze Igihugu;
- Gukurikirana abakekwaho kurigisa no gukoresha nabi umutungo n'imari bya Leta bagaragajwe muri raporo z'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ndetse n'ibindi byaha bimunga ubukungu n'imari by'Igihugu;
- Gukurikirana abakekwaho ibyaha byo gucuruza abantu;
- Gukurikirana abakekwaho ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo;
- Gukurikirana abakekwaho iyezandonke;
- Gukurikirana abakekwaho gucuruza no gukoresha ibiyobyabwenge;
- Imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Ubushinjacyaha Bukuru.

**Hateguwe kandi ibiganiro n'abanyamakuru (press conference):**

- Kuwa 23 Ugushyingo 2020 haganijwe gusobanurira abanyamakuru ibiteganijwe mu cyumweru cy'Ubucamanza;
- Kuwa 28 Nyakanga 2020 hagamijwe gusobanurira Abanyarwanda ingamba zo kunoza imitangire y'ubutabera mu gihe cya covid 19.

Muri icyo gihe kandi hateguwe **itangazo rigenewe abanyamakuru** rigamije gusobanura aho dosiye ya Callixte NSABIMANA na bagenzi be baregwamo ibyaha bitandukanye by' iterabwoba, gutera inkunga imitwe y'iterabwoba, kwica, gutwara umuntu bitemewe n'amategeko, gutwika nk'ibikorwa by' iterabwoba igeze.

### 3.3.3. **IBYAGEZWEHO MU BUGENZUZI BW'UBUSHINJACYAHA BUKURU**

Duhereye ku igenamigambi ry'Ubugenzuzi bw'Ubushinjacyaha Bukuru ry'umwaka wa 2020-2021, ubugenzuzi bwakoze ibikorwa by'ingenzi bikurikira:

#### **a. Kwakira no gucyemura ibibazo by'abaturage bagana Ubushinjacyaha Bukuru**

Ubugenzuzi bwakiriye abaturage mirongo irindwi na babiri (72) bunashakira ibisubizo ibibazo byabo.

#### **b. Ibibazo by'Abaturage mu nyandiko.**

Ubugenzuzi bw'Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye bunashakira amabaruwa ijana na mirongo itatu n'umunani (138) arashakirwa yavuye hirya no hino mu gihugu.

#### **a. Kugira inama Abashinjacyaha ku ikorwa ry'amadosiye.**

Abaturage bagezamu Buzuzuzi ibibazo babona mu ikurikiranwa ry'amadosiye yabo, bugakemura ibibazo biyavugwamo. Mu mwaka ushize wa 2020-21 hasuzumwe amadosiye magana ane mirongo irindwi n'abiri (472) muri IECMS hatangwa inama zo gukemura ibibazo byavugwagamo.

#### **b. Gukora igenzura ry'amadosiye yakozwe n'abashinjacyaha.**

Mu mwaka wa 2020-2021, Ubugenzuzi bwakoze igikorwa cy'igenzura ku ngano (quantity) ndetse n'ubwiza (quality) by'amadosiye 53,959 yafatiwe umwanzuro n'Abashinjacyaha ku rwego rwa Biro, Urwisumbuye n'urw'Ibanze ndetse n'amadosiye 27,870 yasomwe mu yari yaregewe Inkiko mu mwaka wa 2019-2020. Ibyavuyemo byaganiriwe mu nama yahuje abo bireba hafatwa ingamba zo gucyemura ibibazo byagaragajwe.

**c. Gukurikiranaimyitwarirey’abakozi b’Ubushinjacyaha Bukuru**

Mu rwego rwo gukurikirana imyitwarire y’Abakozi b’Ubushinjacyaha Bukuru no gushakira imyanzuro ibibazo byagaragaye, kuva Nyakanga 2020 kugeza Kamena 2021, Ubugenzuzi bw’Ubushinjacyaha Bukuru bwakoze iperereza ku myitwarire y’abakozi bane (4); babiri barirukanwa, umwe ahagarikwa amezi atatu (3) adahembwa, undi aragawa.

**d. Inyandiko zateguwe**

Ubugenzuzi kandi bwateguye inyandiko igamije kwerekana uburyo bwo guhangana n’ umuvuduko udasanze w’ubwiyongere bw’amadosiye mu Bushinjacyaha Bukuru n’indi yerekana amahame azagenderwaho hashyirwaho politiki y’ikurikiranacyaha ku bireba Ubushinjacyaha Bukuru igihe politiki rusange kuri iki kibazo izaba yasohotse, zombi zishyikirizwa Umushinjacyaha Mukuru.

**3.3.4. IBYAGEZWEHOMUKWONGERERA UBUSHOBOZI ABAKOZI B’UBUSHINJACYAHA BUKURU**

Mu rwego rwo kwongerera ubushobozi abakozi b’Ubushinjacyaha Bukuru, kuva Nyakanga 2020 kugeza Kamena 2021, abakozi bagiye bitabira amahugurwa mu buryo bukurikira:

- Mu rwego rwo gukomeza kwirinda COVID 19, ingufu nyinshi zashyizwe mu gutanga amahugurwa hifashishijwe murandasi, amahugurwa ari online “Coursera training” kubufatanye na RDB. Abakozi **124** barahuguwe ku ngingo zigera kuri **197**.

- Abakozi 16 b' Ubushinjacyaha Bukuru (Prosecutors and Assistants) bitabiriye amahugurwa ya ToT<sup>6</sup> yabereye muri ILPD /Nyanza ku buryo bwo gukurikirana abakekwaho iyezandonke, iterabwoba ndetse n'uburyo bwo gukurikirana ibyaha (Criminal procedure) kugira ngo babashe guhugura abandi bakozi;
- Abakozi 247 (Abashinjacyaha + Abafasha b'Ubushinjacyaha) bahuguwe ku buryo bwo gukurikirana abakekwaho iyezandonke, iterabwoba ndetse n'uburyo bwo gukurikirana ibyaha (Criminal procedure);
- Mu rwego rwo kubaka ubunyamwuga, muri uyu mwaka wa 2020-2021, abakozi 12 (Abashinjacyaha n'Abafasha b'Ubushinjacyaha) bakurikiranye amasomo (legal practice) muri ILPD;
- Binyuze mu mushinga uterwa inkunga na Amabasade y'Ubuholande mu Rwanda ugamije kwongerera Abashinjacyaha ubushobozi mu gukurikirana abakekwaho ibyaha mpuzamahanga byakozwe muri jenocide yakorewe abatutsi mu 1994, ku bufatanye na NUFFIC, Umushinjacyaha umwe (1) yatangiye kwiga icyiciro cya gatatu cya Kaminuza (Masters) mu mategeko mu Buholandi;
- Abakozi 16 b'Ishami rishizwe kurengera no gufasha abakorewe ibyaha n'abangabuhamyaha bahawe amahugurwa ku gukoresha software nshya nyuma yo kuvugururwa;

- Abakozi b'Ishami rishinzwe gutanga icyangombwa kigaragaza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'Inkiko bahawe amahugurwa ku gukoresha software nshya nyuma yo kuvugururwa;
- Ku bufatanye na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi, abakozi 5 b'Ubushinjacyaha Bukuru (Internal Auditor, Chief Accountant, Accountant n'abakozi 2 bashinzwe gucunga umutungo/IRM) bari kwiga amasomo ya CPA<sup>7</sup>,

### 3.3.5. AMAFARANGA YINJIJWE MU ISANDUKU YA LETA

Kuva Nyakanga 2020 kugeza Kamena 2021, Ubushinjacyaha Bukuru bwinjije mu isanduku ya Leta **1,197,697,558 Frw** aturutse cyane cyane:

- Mu byangombwa bigaragaraza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'Inkiko byatanzwe,
- Abantu banyereje amafaranga bemera kuyagarura ku bushake nta rubanza,
- Ihazabu ryaciwe nta rubanza;
- Amadosiye yaguzwe.



#### 4. IMIHIGO YA 2021-2022

Muri uyu mwaka wa 2021-2022, Ubushinjacyaha Bukuru bwihaye intego 6 z'ingenzi zikubiye mu mbonerahamwe ikurikira:

N°	Umusaruro ku bikorwa uteganyijwe	Gihamya y' ikizakorwa	Intego
	Gufatira umwanzuro amadosiye Ubushinjacyaha bwakiriye	Ijanishya (%) ry'amadosiye yafatiwe umwanzuro	99%
		Ijanisha (%) ry'amadosiye yaregewe Inkiko	
	Kuburana imanza mu Nkiko	Ijanisha ry'imanza Ubushinjacyaha bwatsinze (Conviction rate)	93%
	Gukurikirana abakekwaho Jenocide bahunze Igihugu	Umubare w'amadosiye yafatiwe umwanzuro	300
	Gukurikirana Abakekwaho kurigisa umutungo wa Leta bagaragaye muri raporo z'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta	Ijanisha (%) ry'amadosiye yafatiwe umwanzuro	100% kuri raporo ya 2018-2019
			100% kuri raporo ya 2019-2020
		Ijanisha ry'imanza Ubushinjacyaha bwatsindiyeho amadosiye	85%

	Gufasha abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya	Ijanisha (%) ry' bibazo byakemuwe burundu	98%
		Ijanisha ry' abakorewe ibyaha bafashijwe gutanga ibirego by'Indishyi	(Rape no Gusambanya abana)
	Kunoza imicungire y'ibyafatiriwe	Umushinga w' amabwiriza akena uburyo bwo gucunga ibyafatiriwe	Kurangiza uyu mushinga
		Raporo igaragaza status y'ibyafatiriwe byose (Inventory report)	1 (Final report)
		Database ihoraho igaragaza ishusho y'ibyafatiriwe mu Gihugu hose	Database ikora neza

## **Ibi Ubushinjacyaha Bukuru buzabigeraho bwifashishije:**

i. Gukoresha ikoranabuhanga: aha hakaba hararangije gutegurwa amabwiriza y'ikoreshwa rya IECMS azihutisha akazi mu nzego zose zifite aho zihurira na dosiye y'inshinjabyaha;

ii. Kunoza ingamba zo kuzamura ikigero Ubushinjacyaha Bukuru butsindiraho imanza cyane cyane iz'ibyaha byagaragaye ko aribyo byateye igabanuka ry'ikigero buzitsindiraho mu nkiko; izi ngamba zikaba zararangije kuganirwaho nabo bireba ariko zikaba zizakomeza kunozwa uko zizagenda zishyirwa mu bikorwa;

iii. Kugabanya dosiye ziregerwa Inkiko nkuko amabwiriza atandukanye y' Umushinjacyaha Mukuru ubu abiteganyaye;

iv. Kumva no gukoresha neza amategeko mashya: ibi bikaba bijyanye n'amahugurwa atandukanye yahawe abo birebe muri aya mezi macye ashize kandi azakomeza;

v. Kunoza ingamba zo guhangana n'izamuka ry'ibyaha bimwe na bimwe bikomeje gukabya kuba byinshi; nko gukubita no gukomeretsa, ubujura n'ibindi biza ku isonga, kugira ngo haboneke umwanya uhagije wo kurushaho gukora kinyamwuga. Nkuko byagaragajwe haruguru harangijwe gutegurwa inyandiko yihariye kuri iki kibazo. Poliki y' ikurikiranacyaha nayo izagira uruhare mu kugicyemura; Ubushinjacyaha Bukuru buyishyira mu bikorwa ku bibureba;

vi. Hazakomeza kandi gushyirwa ingufu mu mahugurwa y'abakozi haba mu Gihugu no hanze yacyo.

## 5.UMWANZURO

Uyu mwaka urangiye wa 2020-2021, hashyizwe imbaraga nyinshi mu gufatira umwanzuro amadosiye yashyikirijwe Ubushinjacyaha Bukuru mu rwego rwo kurwanya ko hakongera kuvuka ibirarane, kuko nk'uko bigaragara ku rupapuro rwa gatandatu, mu madosiye 67,512 yinjiye mu Bushinjacyaha Bukuru, amadosiye 67,285 angana na 99.70% yafatiwe umwanzuro.

Muri uyu mwaka kandi hitawe ku kwongera ubwiza bw'amadosiye afatirwa umwanzuro, kuko mu manza 27,332 zasomwe n'Inkiko, 24,616 zingana na 90.1% Ubushinjacyaha bwarazitsinze.

Ikindi cyitaweho cyane nk'uko bigaragara mu mihigo y'Ubushinjacyaha Bukuru, ni ugukurikirana abakekwaho icyaha cya jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994 bahunze Igihugu, kuko uyu mwaka amadosiye 322 yafatiwe umwanzuro.

Uyu mwaka kandi hanafashwe ingamba zo kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'ibyaha by'inzaduka n'ibyaha byihariye, cyane cyane ibyaha bimunga ubukungu bw'Igihugu, ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina, gucuruza abantu, ingengabitekerezo ya Jenocide n'ibyaha bifitanye isano nayo ndetse n'ubwicanyi n'ibyaha bifitanye isano nabwo.

Mu rwego rwo kubahiriza icyerekezo Leta yihaye mu ntego za NST1, aho nibura 100% bya serivisi za leta zigomba kuba zitangwa online, ku bufatanye n'Irembo, MINICT n'abandi bafatanyabikorwa, mu rwego rwo kunoza serivisi guhera mu Ukuboza 2019, icyangombwa kigaragaza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'Inkiko gitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga gusa (E-certificate) guhera mu kugisaba kugeza ku kugihabwa, aho umuntu agisaba akanagihabwa atiriwe aza ku biro by'Ubushinjacyaha Bukuru.

Muri uyu mwaka wa 2021-2022 Ubushinjacyaha Bukuru buzakomeza gushyira imbaraga mu kwihutisha akazi no kunoza serivisi buha abaturage, mu rwego rwo gushyira mu bikorwa intego bwihaye no gufatanya n'izindi nzego kugera ku ntego za NST na Vision 2050.

**HAVUGIYAREMYE Aimable**  
**Umushinjacyaha Mukuru**